

GUTABAZA YESU MU BYO DUKENEYE BYIHUTIRWA

Icyumweru cya 6 - Iminsi 100 yo Gusenga

1 - 7 Gicurasi 2020

ABAMARAYIKA BARATUGOSE

Byateguwe na: Melony Coleman

Ngiye kubagezaho ibintu bitangaje biherutse kuba.

Umugabo wanjye ni umupasitoro muri leta ya Oregon ho muri Leta zunze ubumwe z’Amerika. Hari mu ijoro ryo gutangiza ku mugaragaro amavuna y’ivugabutumwa yari afite insanganyamatsiko igira iti: "Ihishurwa ry’ibyiringiro." Nakomeje gushishikariza abantu ko twakora amasengesho menshi mu itorero ryacu, nuko mfata umwanzuro ko nzagenzura icyumba cy’amasengesho mu gihe cy’amavuna y’ivugabutumwa. Itsinda ryanjye rigizwe ahanini n’abantu b’inshuti basheshe akanguhe. Hari n’andi matsinda yasengeraga mu miryango yabo, bityo rero ntabwo nari nzi neza umubare w’abagombaga kuboneka mu Nama twari dufite. Nahisemo gushinga icyumba cy’amasengesho uko byagenda kose nizeye ko bamwe mu bizera b’itorero ko bazabyakira neza, bakazaza kwifatanya natwe tukajya dusengera buri gihe ayo materaniro y’ivugabutumwa.

Iryo joro rya mbere ryo ku wa gatandatu w’isabato nibonye ndi jyenyine, ariko uko byagenda kose narasenze. Na none, ku isabato nimugoroba nari jyenyine.

Pastor Samuel Nginshuti

Ushinzwe Ububyutse n’ivugurura muri UNION

Numvise muri jye ncutse intege maze ncuranga "isengesho ry'umwami. (Isengesho rya Data wa twese uri mu ijuru)" Mu gihe ryumvikanaga, narasenze. "Nzi ko aho babiri cyangwa batatu bateraniye hamwe mu izina ry'Uwiteka aba ari kumwe nabo. Ibaze nawe uti: ariko byagenda bite niba ndi gusenga ndi jyenyine gusa?" Njye nahisemo gusenga bucece.

Mu gihe indirimbo yari irangiye, nafunguye amaso maze mbona abamarayika buzuye mu cyumba cyanjye. Natangiye kurira nitegereje ukuntu abamarayika buzuye mu cyumba mu buryo butangaje. Abamarayika bari barebare cyane ku buryo bahagaze bagera ku gisenge bafite ibitugu bigari. Bahagaze begamiye inkuta, begeranye urutugu ku rutugu, bazengurutse impande z'icyumba. Numvaga ndi muto cyane ugereranije na bo. Bari bafite amababa kandi bambaye amakanzu ameze nk'imyenda. Nagaragaraga mu maso yabo. Nabonaga basa nk'abagabo banini, barebare kandi beza cyane. Amaso yabo yari meza cyane kandi bamwenyura neza; kumwenyura gusubiza intege mu bugingo. Imiterere yabo yo mu maso yari isobanutse kandi baari bameze nk'abiteguye urugamba buzuye ubutwari nta bwoba bafite. Umusatsi wabo wari wijimye umanutse ukagera ku bitugu kandi bari bafite kurabagirana ku buryo ntashoboraga kubahanga amaso, ariko nza kubishobora. Imiterere yabo yarabagiranaga nk'ibara ryera rijya gusa n'umuhondo. Nashoboye kubabona gusa mu gihe cy'amasegonda ane cyangwa atanu hanyuma baragenda, ariko sinatezutse kurira mu gihe cyose cya nimugoroba.

Nari ncutse intege cyane nibaza niba Imana ishobora kugira icyo ikora mu gihe naba ndi jyenyine mu cyumba cy'amasengesho ariko yanyeretse mu buryo bw'igitangaza ko niba umuntu ari umwe asenga, ko ibyo bihagije. Ndumva ntakwiriye kandi ndi

umuntu ucishijwe bugufi ku buryo yampa impano nk'iyi ikomeye. Kugeza magingo aya ndacyarira kenshi iyo ntekereje kuri iki gikorwa cyera cyabaye.

Nkomeje gusengera mu cyumba cy'amasengesho cy'itorero ryacu jyenyine, ariko sinongeye gucika intege kuko nzi ko icyumba cyuzuye abamarayika nubwo ntashobora kubabona. Ngomba gusa kubisangiza abandi! Ntitugomba na rimwe gupfobya imbaraga z'amasengesho. Nubwo umuntu umwe gusa yasenga ari wenyine, ibyo birahagije. Imana iri ku murimo wayo nubwo tutabasha kubirebesha amaso yacu.

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA:

Hari igihe waba warigeze wumva uri wenyine mu masengesho? Wigeze usenga, ukongera ugasenga, ugatitiriza kandi ukaba utarabona igisubizo wifuzaga? Cyangwa wigeze wibaza niba hari itandukaniro rinini hagati yo gusengana n'abandi no gusenga wenyine? Niba ugeragejwe no gucika intege, ibuka ko Yesu yakundaga gusenga ari wenyine maze urebe uko amasengesho ye yahinduye isi! Fata urugero kuri Aburahamu, Yakobo, Yozefu, Dawidi, Eliya, Esiteri, n'abandi benshi bo mu binyejana byinshi bishize. Rimwe na rimwe bumvaga ari bonyine, nyamara amasengesho yabo yanyeganyeje ijuru.

IMBOGAMIZI TUGOMBA KUZIRIKANA:

Pastor Samuel Nginshuti

Ushinzwe Ububyutse n'ivugurura muri UNION

Muri iki cyumweru, turagusaba gufata ingamba zo kugira amasengesho yumwihariko nk’uko abatubanjirije barangwaga no gusenga kandi wige ibishoboka byose kubyerekeye ibihe byabo byo gusenga biherereye bonyine. Koresha Bibiliya n’umwuka w’ubuhanuzi ukore ubushakashatsi bw’uburyo kwo kwiga Bibiliya, hanyuma wandike ibyo wabonye noneho uhitemo bimwe mu byaranze abantu barangwaga no gusenga hanyuma usenge kugira ngo Imana igushyiremo imico myiza yo gukunda gusenga.

“Kubera ko Eliya yari umuntu ufite kwizera gukomeye Imana yashoboraga kumukoresha mu kibazo gikomeye cyo mu mateka ya Isiraheli. Igihe yasengaga, yagize kwizera kandi asobanukirwa amasezerano y’ijuru, akomeza gusenga kugeza igihe ibyifuzo bye byasubirijwe. Ntabwo yategereje ibimenyetso byuzuye byerekana ko Imana yamwumvise, ariko yari yiteguye kwihanganira byose ku kimenyetso gito cyo gutoneshwa n’Imana. Nyamara kandi ibyo yashoboye gukora ayobowe n’Imana, abantu bashoboraga kubikora mu gihe bari mu mirimo yabo batirengagije n’umurimo w’Imana. Kwizera nk’uku kurakenewe cyane muri iki gihe ku isi yose; ni ukwizera kuzakomerera ku masezerano aboneka mu ijambo ry’Imana. Komeza gusaba no gutitiriza kugeza igihe ijuru rizumva. ” Prayer, p. 138

Umunsi wa 36 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa gatandatu w’isabato, 1 Gicurasi 2020

RAPORO YO GUSHIMIRA:

Turashimira Uwiteka amatsinda yose yo mu itorero n’ ibyiciro byose binyuranye bikomeje gushaka uburyo bushya bwo gufasha abantu bari ku rugamba rwo

Pastor Samuel Nginshuti

Ushinzwe Ububyutse n’ivugurura muri UNION

kumenya ukuri. Ubuzima bwa benshi buri mu guhinduka bitewe n’urukundo rwa Yesu!

1. Gusengera abizera b’itorero batuye mu mijyi ituwe cyane ku isi muri iki gihe cy’icyorezo cya covid-19. Senga ubasabira kuba mu burinzi bw’ishobora byose no kubona ibyo bakeneye byose.
2. Gusengera abaganga babigize umwuga bo ku isi yose ngo Imana ibongerere kwihangana muri iki gihe bahanganye n’icyorezo cya coronavirus.
3. Gusabira abizera ngo bakomeze kwiga Ijambo ry’Imana cyane kandi mu buryo bwimbitse. Basabire ngo bafate umwanya munini w’amasengesho, bihane ibyaha kandi bitegure banateguza n’abandi kugaruka kwa Yesu.
4. Saba Imana ikwigishe gusenga muri iki gihe cy’icyorezo cya covid-19.
5. Gusengera imiryango y’abubatse ifite ibibazo by’imibanire. Gusaba Imana ngo icishe bugufi umugabo n’umugore kandi bazirikane amasezerano basezeranye bagishakana. Basabire ngo bakureho ibibatandukanya maze babe umwe muri iki gihe turebesha amaso ibimenyetso byo kugaruka kwa Kristo Yesu.

Umunsi wa 37: Kwibanda ku masengesho – Ku Isabato, Gicurasi 2, 2020

Kwizera mu gihe cy’ibigeragezo

“Dore ndi Uwituka, Imana y’ibifite imibiri byose. Mbese hariho ikinanira?”
Yeremiya. 32:27

“Imana izagerageza kwizera n’ubutwari by’abo yahaye inshingano mu murimo wayo. Ibigaragarira amaso akenshi usanga bitanzezeza. Nubwo Imana yagiye itanga

ibyiringiro by'uko izadufasha ariko kwizera kuzagenda kugabanuka. 'Ni ko Uwiteka avuga. Tugomba kwishingikiriza ku Mana, tutitaye ku bitekerezo by'abantu cyangwa ku bigaragara ko bidashoboka. ”

Signs of the Times, June 30, 1881, par. 15.

Ibibazo byo kuzirikana:

Kuva aho tumenyeye ko ibigeragezo bikomeye n'isuzumwa biri imbere yacu mu gihe kizaza, ni buryo ki dushobora gukura tukagira kwizera kutajegajega kuzahagarara gushikamye nubwo twajugunywa mu muriro? Zirikana ko inshuti eshatu za Daniyeli zajugunywe mu itanura ryaka umuriro (Reba Daniel 3). Ni iki utekereza cyatumye bahagarara bashikamye muri kiriya gihe cy'umunsi ukomeye?

Gushima:

Muri iki gihe aho abantu benshi bahamagarirwa kuguma mu rugo, raporo ziri gutangwa zirerekana uburyo Imana yatanze amahirwe atangaje yo kubwiriza ubutumwa hakoreshejwe ikorana-buhanga n'ibikorwa bindi by'ubugiraneza. Umuvugabutumwa Robert Costa yayoboye amateraniro menshi y'ivugabutumwa akoresheje ikorana buhanga kandi abantu bagera ku bihumbi 245,000 bayakurikiranye bakoresheje ubwo buryo. Umuvugabutumwa John Bradshaw (soma Yohani Buradisho) aherutse gutangira amateraniro y'ivugabutumwa yakurikiranywe n'abantu benshi bagera ku bihumbi icumi bayakurikiranye bakoresheje ikorana buhanga.

Ibyifuzo byo gusengera:

Pastor Samuel Nginshuti

Ushinzwe Ububuyutse n'ivugurura muri UNION

1. Gusengera abaganga b'inzobere mu by'ubuzima bari ku ruhembe rw'imbere mu kurwanya iki cyorezo cya covid-19. Basabire kugira umutekano w'ubuzima.
2. Gusengera abayobozi bakuru b'igihugu bashinzwe gufata ibyemezo kugira ngo bamenye neza igihe gikwiriye cyo kuzafungura imipaka y'ibihugu biri mu kato. Saba ngo habeho uburyo bwiza bwo kwita ku buzima bw'abaturage ndetse n'ubukungu.
3. Gusabira imiryango myinshi idaharanira inyungu hamwe n'ubucuruzi buciriritse bumaze igihe bufite ibibazo byinshi mu by'ubukungu bitewe n'iki gihe cya guma mu rugo. Senga kugira ngo abantu bazabone uburyo bwo kubona ubufaasha mu gutera inkunga imishinga mito kuko batazahora bafunze burundu.
4. Gusengera abagore n'abana bari mu bihe bibi kandi bikomeye bakeneye uburinzi bw'Ishoborabyose. Saba uburyo bwakoreshwa mu gufasha abatishoboye n'abanyanteye nke baho utuye.
5. Gusabira abakozi bo mu ma banki, mu maduka y'ibiribwa, kuri sitasiyo ya lisansi no mu bundi bucuruzi bw'ingenzi. Senga kugira ngo barindwe iki cyorezo cya Coronavirusi mu gihe bahura n'imbaga nyamwinshi y'abantu babagana.

**Umunsi wa 38 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa mbere
w'isabato, taliki ya 3 Gicurasi 2020**

Kuva mu bidashoboka ujya mu bishoboka

"Yesu arabitegereza arababwira ati:"ibyho ntibishobokera abantu, ariko ku Mana ko siko biri kuko byose bishobokera Imana" **Mariko 10:27**

“Ibidashoboka muri kamere yabyo ntabwo byakumira imikorere y’ishoborabyose.”

Desire of Ages, p. 535

“Dufite Imana ihora itegeye amatwi ibyifuzo byacu. Nta na rimwe ijya iyafunga kandi nitwumvira ijamba rye azaha agaciro kwizera kwacu. Imana Irashaka ko inyungu zacu zose zivanga n’inyungu zayo, hanyuma ikaduha umugisha n’amahoro yo mu mutima kuko tutazishimisha ubwacu mu gihe umugisha ari uwacu ahubwo tuzabikoresha mu guhimbaza Imana tuyihesha icyubahiro.”

Review and Herald, June 9, 1891

Ibibazo byo kuzirikana:

Ibihe byinshi, kwizera Imana kwacu ni guto cyane kuko tutazi neza ububasha bw’Imana yacu. Twibwira ko ibibazo duhura nabyo bikomeye cyane ku buryo adashobora kubikemura. Twibagirwa ko dukorera Imana yabambye ijuru ikoresheje imbaraga zayo zikomeye kandi nta kintu na kimwe kiyinanira. Uyu muni, fata umwanya utekereze ku gukomera kw’Iman amaze wandike ibiranga imico y’Imana n’imiterere yayo. Mu gihe ukora iki gikorwa cyoroshye, saba Imana igufashe gusobanukirwa no kumenya neza iyo ariyo.

Gushima:

Turashimira Uwiteka ko abantu benshi bagaragaza kwizera mu gihe abayoboye kandi bahora bahanze amaso ku miryango ifunguye y'Uwiteka aho guhoza amaso ku miryango yafunzwe muri iki gihe cy'icyorezo cya covid-19.

Ibyifuzo byo gusengera:

1. Gusabira abantu mu gihe babaza Imana iherezo ry'ibi bihe bikomeye by'icyorezo cya covid-19. “Mbese Imana irashaka kutubwira iki? (1 Samweli 3:10)
2. Gusabira abantu benshi batuye mu bihugu bikennye cyane badafite akazi kandi bafite ikibazo cyo kubona ibiryo by'ibanze nk'umuceri, ifu, ibigori..... Kuko abenshi Bari mu kaga ko kwicwa n'inzara.
3. Gusaba ngo abantu bo ku isi yose bugurure imitima yabo maze bagire umutima utanga, ufasha kandi usengera abantu bose bahuye n'iki cyorezo. (Imigani 22: 9, Zaburi 86: 6-7)
4. Gusabira abahinzi bari guharanira kurangiza ihinga cyangwa kurangiza isarura ry'imyaka.

Umunsi wa 39 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa kabiri w'isabato

4 Gicurasi 2020

Imbaraga z'ijuru

“None menye yuko Uwiteka akiza uwo yasize, azamusubiza ari mu ijuru rye ryera, azamusubirisha imbaraga zikiza z'ukuboko kwe kw'iburyo. Bamwe biringira amagare, abandi biringira amafarashi ariko twebweho tuzavuga izina ry'Uwiteka Imana yacu”.Zaburi 20:7, 8

“Bagomba guhangana n'imbaraga ndengakamere, ariko basezeranirwa ubufasha ndengakamere. Abo mu ijuru bose Bari mur'izo ngabo. Kandi abarenze abamarayika Bari mu nzego zo hejuru. Mwuka Wera, uhagarariye umukuru w'ingabo z'Uwiteka aramanuka ngo ayobore urugamba. Dushobora kugira intege nke mu buryo bwinshi, ibyaha n'amakosa yacu bikaba bibi bikabije, ariko ubuntu bw'Imana buri ku babushakana kwicuza ibyaha. Imbaraga z'Ishobora byose zashyiriweho abiringir'Imana.”

Desire of Ages, p. 352

Ibibazo byo kuzirikana:

Hari igihe wifuza kubona ingabo z'abamarayika bagose urugo rwawe, ubuzima bwawe n'umuryango wawe? Zirikana igitekerezo cy'umuhanuzi Elisa n'ibyabaye mu gihe Imana yahumuraga amaso y'umugaragu we (umugaragu wa Elisa) (Reba 2 Abami 6:17). Tekereza ukuntu ubwoba bw'umugaragu we kwasimbuwe no kwizera igihe yabonaga amagare y'umuriro. Ni izihe nkuru zindi zo muri Bibiliya ushobora gutekereza aho Imana yafunguye amaso y'abagabo n'abagore kugira ngo babone abamarayika?

Gushima:

Turashimira Imana ko abantu benshi b'Imana muri iki gihe bari gukiranukira Imana bagarura icya cumi n'amaturu ndetse bamwe bakaba bateganya gutanga byinshi ngo bazibe icyuho kubera ko ibyajyaga bitangwa bishobora kugabanuka kubera ko abantu benshi babuze akazi n'amaduka amwe n'amwe yarafunze.

Ibyifuzo byo gusengera:

1. Gusabira abakora mu nzego z'umutekano nk'abapolisi abasirikare, Abarara irondo n'abandi. Mu gihe mu bihugu bimwe hari imidugararo y'abaturage igenda yiyongera kubera gahunda ya guma mu rugo, senga usabira abagabo n'abagore ngo Imana ikomeze kubarinda.
2. Gusaba Imana ngo ikomeze gufasha abayobozi ba leta mu mirimo bashinwe kandi bagire umwuka wo gukorera mu bumwe aho kugira ngo umwe ateshe agaciro mugenzi we aharanira inyungu za politiki.
3. Gusaba ngo Imana idufashe haboneke imiti n'ubuvuzi buboneye bwatuma iki cyorezo gicisha make cyangwa ngo gihagarare vuba nk'uko abahanga babitangaza.
4. Gusabira abizera b'torero kugirana ubumwe, ububyutse mu by'umwuka n'ibindi byihutirwa kugira ngo umurimo ugende neza muri iki gihe aho hari kuboneka ibyifuzo byinshi byo gusengera.
5. Gusabira abizera b'itorero bagize ibibazo byo kubura urubyaro. Basabire kwihangana no kwihanganirana bakomeza amasezerano yabo y'abashakanye. Saba ngo abakiri bato Imana izabahe urubyaro.

Umunsi wa 40 - Kwibanda ku masengesho -Ku wa gatatu w'isabato 5 Gicurasi 2020

Pastor Samuel Nginshuti

Ushinzwe Ububyutse n'ivugurura muri UNION

Kwizera utabonye

“Yesu aramubwira ati:” Wijewe n’uko umbonye, hahirwa abizeye batabonye”
Yohana 20:29

“Kwizera gutuma tumenyera Imana mu Ijambo ryayo bidashingiye ku maranga-mutima yacu. Kwizera gutuma tugira ibyiringiro tukanizera ko ibintu bitazabura kubaho n’ibyo tutarebesha amaso yacu. ‘Ese Dushobora kwizera bagenzi bacu, nyamara ntidushobore kwizera ijambo ry’Imana? Iyo tugiye muri we dushaka ubwenge cyangwa ngo tugirirwe ubuntu, ntitugomba kwirebaho ubwacu ngo turebe niba yaduhaye amaranga-mutima adasanzwe nk’igihamya cy’uko yashohoje ijambo rye. Amaranga mutima yacu ntakwiriye kuba igihamya ngenderwaho. Igihe Abakristo bagendeye ku maranga mutima yabo bituma havuka ibibi byinshi. Ni buryo ki namenya ko Yesu ategera amatwi amasengesho yanjye? – Mbyizezwa n’amasezerano ye. Yavuze ko azategera amatwi abatishoboye nibamutakambira kandi nizera ijambo rye. Ntiyigeze abwira ab’urubyaro rwa Yakobo ngo muranshakira ubusa.’ Niba tugendera mu mucyo, tuzegera intebe y’ubuntu n’ubutwari bwera tudatinya. Dushobora kwerekanira amasezerano y’Imana mu mibereho yo kwizera kuzima kandi tugasabira ibyifuzo byacu nubwo twaba turi abanyantegere nke kandi twibeshya cyangwa tudakwiriye. “Umwuka wera azadufasha mu ntege nke zacu”. Iyo tumaze kwerekana icyifuzo cyacu muri icyo gihe, ntitugomba kurekeraho ahubwo tuvuga nk’uko Yakobo yabigenje igihe yakiranaga na marayika ijoro ryose. Yaravuze ati: Sinkurekura, keretse umpaye umugisha” kandi nitugenza nkuko yakoze nta gushidikanya tuzatsinda. ”

Bible Echo, September 24, 1894, par.

Ibibazo byo kuzirikana:

Mu kwizera, hari abiringira ari uko igitangaza kigaragariye mu maso yabo mu gihe bashobora kukirebesha amaso yabo. Ariko se bigenda bite igihe tutabasha kubona ibisubizo, ntitubone ibitangaza, ntitubone abamarayika kandi ntitunabone kugiraneza kw’Imana mu buzima bwacu? Mbese tuzakomeza kwizera Imana dukiranuka nubwo byaba bimeze bityo kandi nubwo twaba tutabyumva? Mu gihe utekereza kuri ibi bibazo, Reba Abaheburayo 11: 1, Abaroma 8: 24-25, Mariko 9:24, Yobu 13:15

Gushima:

Reka dushime Imana kuko ahantu henshi umubare w’abanduye COVID-19 ugenda ugabanuka.

Ibyifuzo byo gusengera:

1. Gusaba Imana ngo mu gihe ibihugu bitandukanye bizaba byafunguye gahunda ya guma mu rugo irangiye, he kuzongera kubaho ubwiyongere bukabije bw’umubare wabanduye coronavirusi.
2. Gusabira umurimo w’Imana mu Bushinwa mu mujyi wa Cebu, muri Filipine yose no muri Indoneziya kugira ngo Imana ibarinde coronavirusi ndetse n'abashinwa benshi bari mu bihugu bitandukanye bashishikarire kumenya Yesu n'ukuri kwa Bibiliya.
3. Gusabira igihugu cy'Ubushinwa gituwe na miliyari 1.4 kibashe kugururira amarembo ubutumwa bwiza.

4. Gusaba ngo twese dukoreshe neza umwanya tuba dufite mu gihe dushoje imirimo yo mu rugo kugira ngo tuwukoreshe twiga cyane Ijambo ry’Imana kandi twigisha abana bacu uburyo bwo kwiga no gukunda Imana.

Umunsi wa 41: Kwibanda ku masengesho. Ku wa kane 6 Gicurasi 2020

Kuva mu bwihisho

“Ariko dufite ubwo butunzi mu nzabya z’ibumba, kugira ngo imbaraga zisumba byose zibe iz’Imana zidaturutse kuri twe. Dufite amakuba impande zose ariko ntidukuka imitima, turashobewe ariko ntitwihebye, turarenganywa ariko ntiduhanwa, dukubitwa hasi ariko ntidutsindwa rwose. Tugendana mu mubiri iteka urupfu rwa Yesu, ngo Ubugingo bwe nabwo bugaragarire mu mibiri yacu.”

2 Kor. 4: 7-10

“Kuba ahantu hiherereye ho gusengera habonerwa imbaraga zinyeganyeza isi mu gihe cy’Ivugurura rikomeye; niho abagaragu b’Uwiteka barangwa no gutuza kwera bahagaze bashikamishije ibirenge byabo ku rutare rw’amasezerano ye. Mu gihe cy’urugamba rwabereye i Ogisiburuge (Augsburg), Luther ntiyigeze arenza umunsi adafashe nibura amasaha atatu ngo yiherere ari mu masengesho kandi yari amasaha ye meza yatoranijwe y’igihe cye cyiza cyo kwiga.’ Yari amasengesho y’umwihariko yakoreraga mu cyumba cye, yumvaga ashaka kwegurira Imana ubugingo bwe ndetse aniga Ijambo ryayo. Yuzuye kuramya Imana, atinya kandi yuzuye ibyiringiro, nk’igihe umuntu umwe yabwiye inshuti ye ati: 'Nzi ko uri Data wa twese n’Imana yacu kandi ko uzatatanya abatoteza abana bawe kuko wowe ubwawe uri kumwe

natwe mu kaga. Iki kibazo cyose ni icyawe, kandi ku bw'izi ngorane twishyize mu maboko yawe ngo uturwanirire, ooh!! Data.

Great Controversy, p. 210

Ibibazo byo kuzirikana:

Ni iki wifuriza abantu? Ni iki unihira mu mutima wawe? Birashoboka ko utigeze vuba aha utekereza kuri ibi bibazo. Birashoboka ko uri gushakisha imibereho yo muri ubu buzima cyangwa birashoboka ko buri gihe ujya ubitekerezaho. Fata akanya gato uyu muni utekereze aho ukunda kuvana cyane umunezero n'icyo ukunda gukora cyane kurusha ibindi. Mu gihe ubitekereza soma Zaburi 27: 4 hanyuma usabe Uwitwaga aguhe umutima usonzeye rwose kuba imbere ye.

Gushima:

Reka dushime Imana ko abizera b'abadiventisite bagiye basaba Imana ngo ibereke uburyo bushya bwo kubwiriza ubutumwa bwiza abaturanyi babo. Kandi ko Imana iri gusubiza amasengesho yabo ibereka uburyo bwinshi butandukanye babasha gukoresha.

Ibyifuzo byo gusengera:

1. Gusabira abageze mu za bukuru, abana n' abashoboye babarizwa muri twe.
2. Gusabira abizera b'itorero bari gushaka uburyo bwo kugeza ubutumwa bwiza ku bavandimwe babo babarizwa mu idini ya Isilamu.
3. Gusabira impunzi zose zibarizwa hirya no hino ku isi. Saba Imana ubwenge bw'uburyo bwo kubayobora kugira ngo bamenye ukuri.

4. Gusabira itorero ryo ku isi yose ngo Imana iryongere kwizera kandi ribashe kubwiriza ubutumwa mu mijyi.
5. Gusaba ngo itorero ryacu risukirwe imvura y’umuhindo kugira ngo umurimo urangire dutahe iwacu mu ijuru.
6. Gusabira abagabo bo mu itorero ryacu ngo Imana ibabashishe kuba abatambyi b’umuryango Imana yabashinze. Saba ngo umugabo ufite icyo apfa n’umugore we yumve ko nta cyaha Yesu atababarira. Basabire ngo iki gihe cya COVID-19 kizarangire bavanyeho ibibatandukanya byose.

Umunsi wa 42 - Kwibanda ku masengesho -Ku wa gatanu w’isabato 7 Gicurasi 2020

Amahoro asesuye

“Ugushikamishijeho umutima uzamurinda abe amahoro masa kuko akwiringiye. Muje mwiringira umwami Yehova iminsi yose kuko ari we Rutare ruhoraho iteka ryose.” - **Yesaya 26: 3-4**

“Abakiriye Kristo binyuze mu Ijambo rye bakamwegurira imitima yabo ngo ayirinde n’ imibereho yabo ikarangwa no kumwumvira, bagira amahoro n'ituze. Nta kintu na kimwe ku isi gishobora kubababaza mu gihe Yesu abigaragarije kandi akabaha umunezero. Mu Kumenya Yesu mu buryo bunoze hari mo uburihukiro bwuzuye.”

Desire of Ages, p. 331

Ibibazo byo kuzirikana:

Pastor Samuel Nginshuti

Ushinzwe Ububyutse n’ivugurura muri UNION

Iyo wumvise udafite amahoro yo mu mutima ni hehe mbere na mbere ubanza kwirukira?

Icyo gihe ni nde ugisha inama? ni Yesu?

Uwiringira Yesu Rutare rwacu rw'iteka, ntashobora gushingira ku maranga-mutima ye yo mu mwanya runaka. Ugomba guhitamo kumwizera uko ibihe urimo byaba bimeze kwose. Hanyuma yabyo ashobora kuguha amahoro asesuye. Mbese ntiwamwemerera ugahitamo kumwizera nonaha?

Gushima:

Turashima Imana ko binyuze mu buryo bwo kubwiriza ubutumwa hakoreshejwe ikoranabuhanga n' ibindi bikorwa by'itorero by'ubugiraneza kandi ko hari abizera b'itorero bamwe bari barazimiye, ubu bakaba baragarutse kubera gusobanukirwa neza ibyiza byo kwibera mu Mana.

Ibyifuzo byo gusengera:

1. Gusabira abizera b'itorero bari kwiga uburyo bwo gusangira ibyiringiro byabo na bagenzi babo batuye mu mijyi ku isi yose kugira ngo babone amahoro mu mitima yabo muri iki gihe cy'icyorezo cya covid-19.
2. Gusabira abakozi bifashisha uburyo Kristo yakoresheje kugira ngo akemure ibyo abantu babaga bakeneye no kugira ngo yigarurire imitima y'abantu batuye mu migi ku isi yose.
3. Gusabira abantu bahuye n'ibibazo kubera iki cyorezo cya COVID-19, bakaba bahanganye n'iki kibazo bo ubwabo cyangwa bafite ababo bahanganye n'uburwayi.

4. Gusabira abizera bose bo mu itorero ku isi yose ngo bagire amahoro kuko bafite ubwoba no gutinya cyangwa bakumva bigunze bari bonyine.
5. Gusabira imiryango yabuze ababo muri iki gihe cy'imvura nyinshi. Sabira abazahajwe n'indwara zidakira. Sabira abakomerekeye mumpanuka. Sabira n'abafite abarwariye i Kanyinya n'i Nyamata bitewe n'iki cyorezo cya Coronavirusi.